**AMABWIRIZA YA PEREZIDA W'URUKIKO RW'IKIRENGA N° 001/2022 YO KU WA.....01 MAR 2022..... AGENGA IMITERERE N'IMIKORERE BYA KOMITE ISHINZWE KURWANYA RUSWA MU RWEGO RW'UBUCAMANZA**

Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga;

Ashingiye ku Itegeko N° 012/2018 ryo ku wa 04/04/2018 rigena imitunganyirize n'imikorere y'Ubutegetsi bw'Ubucamanza cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3, agace 4;

Ashingiye ku Itegeko N°54/2018 ryo ku wa 13/08/2018 ryerekeye kurwanya ruswa cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3, igika cya 1;

Mu rwego rwo gukomeza gushyiraho ingamba zo gukumira no kurwanya ruswa;

Ashyizeho amabwiriza akurikira:

**UMUTWE WA MBERE: ICYO AYA MABWIRIZA AGAMIJE N'ABO AREBA**

**Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza agamije**

Aya mabwiriza agenga imiterere, imikorere n'inshingano bya Komite ishinzwe kurwanya ruswa mu Rwego rw'Ubucamanza.

**Ingingo ya 2: Abo aya mabwiriza areba**

Aya mabwiriza areba abagize Komite ishinzwe kurwanya ruswa mu Rwego rw'Ubucamanza n'abakozi bose b'uru Rwego muri rusange.

URUKIKO RW'IKIRENGA - SUPREME COURT
REPUBULIKA Y'URWANDA

## UMUTWE WA II: IMITERERE YA KOMITE, INZEGO ZIYIGIZE N'UKO ABAZIGIZE BASHYIRWAHO

### Ingingo ya 3: Inzego za Komite ishinzwe kurwanya ruswa mu Rwego rw'Ubucamanza

Komite ishinzwe kurwanya ruswa mu Rwego rw'Ubucamanza igizwe n'inzego zikurikira:

- Biro ya Komite ishinzwe kurwanya ruswa
- Komite zishinzwe kurwanya ruswa mu nkiko
- Komite ishinzwe kurwanya ruswa ku rwego rw'Urukiko rw'Ikirenga n'Urukiko rw'Ubujurire
- Komite ishinzwe kurwanya ruswa ku rwego rw'Urukiko Rukuru, Icyicaro gikuru, n'inkiko zikorera mu ifasi yarwo
- Komite ishinzwe kurwanya ruswa ku rwego rwa buri rugereko rw'Urukiko Rukuru n'inkiko zikorera mu ifasi yarwo
- Komite ishinzwe kurwanya ruswa ku rwego rw'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi n'Urukiko rw'Ubucuruzi.

### Ingingo ya 4: Abagize Biro n'uko bashyirwaho

Biro igizwe n'abantu batanu (5) harimo bane (4) bagenwa na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, akabatoranya muri Komite zishinzwe kurwanya ruswa mu nkiko, hakiyongeraho Umugenzuzi w'inkiko ushinzwe kurwanya ruswa.

Abagize Biro bitoramo Perezida, Visi-Perezida n'Umwanditsi. Umugenzuzi w'inkiko ushinzwe kurwanya ruswa akaba umuhuzabikorwa wayo.

**Ingingo ya 5: Abagize Komite zishinzwe kurwanya ruswa mu nkiko n'uko bashyirwaho**

- Komite ishinzwe kurwanya ruswa ku rwego rw'Urukiko rw'Ikirenga n'Urukiko rw'Ubujurire igizwe n'Umucamanza n'Umwanditsi b'Urukiko rw'Ikirenga bagenwa na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga; Umucamanza n'Umwanditsi b'Urukiko rw'Ubujurire, bagenwa na Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire; Umukozi wo mu Bunyamabanga Bukuru mu Rukiko rw'Ikirenga, ugenwa n'Umunyamabanga Mukuru w'Urukiko rw'Ikirenga; umukozi uhagarariye abandi bakozi bagengwa na sitati y'abacamanza n'abakozi b'inkiko, ugenwa n'Umugenzuzi Mukuru w'Inkiko.

- Komite ishinzwe kurwanya ruswa ku rwego rw'Urukiko Rukuru, Icyicaro gikuru, n'inkiko zikorera mu ifasi yarwo igizwe n'Umucamanza cyangwa Umwanditsi uhagarariye Urukiko Rukuru, Icyicaro gikuru, buri Rukiko Rwisumbuye na buri Rukiko rw'Ibanze rukorera muri iyo fasi, bagenwa na Perezida w'Urukiko bahagarariye; umukozi wo mu Bunyamabanga Bukuru mu Rukiko rw'Ikirenga, ugenwa n'Umunyamabanga Mukuru w'Urukiko rw'Ikirenga.

- Komite ishinzwe kurwanya ruswa ku rwego rwa buri Rugereko rw'Urukiko Rukuru n'inkiko zikorera mu ifasi yarwo igizwe n'Umucamanza cyangwa Umwanditsi uhagarariye Urugereko rw'Urukiko Rukuru, buri Rukiko Rwisumbuye na buri Rukiko rw'Ibanze rukorera muri iyo fasi, bagenwa na Perezida

w'Urukiko bahagarariye; umukozi wo mu Bunyamabanga Bukuru mu Rukiko rw'Ikirenga, ugenwa n'Umunyamabanga Mukuru w'Urukiko rw'Ikirenga.

- Komite ishinzwe kurwanya ruswa ku rwego rw'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi n'Urukiko rw'Ubucuruzi igizwe n'Umucamanza n'Umwanditsi b'Urukiko Rukuru rw'ubucuruzi, bagenwa na Perezida w'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi; Umucamanza n'Umwanditsi b'Urukiko rw'Ubucuruzi, bagenwa na Perezida w'Urukiko rw'Ubucuruzi; umukozi wo mu Bunyamabanga Bukuru mu Rukiko rw'Ikirenga, ugenwa n'Umunyamabanga Mukuru w'Urukiko rw'Ikirenga.

**Ingingo ya 6: Ibigenderwaho mu kugena abagize Komite ishinzwe kurwanya ruswa mu nkiko**

Mu kugena abagize Komite zishinzwe kurwanya ruswa mu nkiko hitabwa kuri ibi bikurikira:

- Kuba ari inyangamugayo;
- Kuba afite ubushake n'ubushobozi bwo gusesengura no kugaragaza ibyuho bya ruswa;
- Kuba ashobora gutanga inama ku ngamba zikwiriye zo gukumira no kurwanya ruswa.

URUKIKO RW'IKIRENGA - SUPREME COURT
REPUBULIKA Y'U RWANDA

## UMUTWE WA III: INSHINGANO ZA KOMITE N'IMIKORERE YAYO

### Ingingo ya 7: Inshingano za Biro n'imikorere yayo

Biro ifite inshingano zikurikira:

- Guhuza ibikorwa bya Komite zishinzwe kurwanya ruswa mu nkiko no gukurikirana imikorere y'abazigize
- Kugira inama umukozi w'Urwego rw'Ubucamanza mu myitwarire no mu mikorere ye iyo bibaye ngombwa
- Gusaba Ubugenzuzi Bukuru bw'Inkiko gukora iperereza ku myitwarire n'imikorere y'umukozi w'Urwego rw'Ubucamanza hakurikijwe uko amategeko abiteganya
- Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro yafashwe na Komite zishinzwe kurwanya ruswa mu nkiko
- Gusaba ko bamwe mu bagize Komite zo kurwanya ruswa mu nkiko basimburwa iyo bibaye ngombwa.

Inama ya Biro iterana nibura rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa. Iterana mu buryo bwemewe iyo hari nibura 2/3 by'abayigize.

### Ingingo ya 8: Inshingano za Komite zishinzwe kurwanya ruswa mu nkiko

Komite zishinzwe kurwanya ruswa mu nkiko zifite inshingano zikurikira:

- Gufasha mu gushyiraho ingamba zihariye zo gukumira no kurwanya ruswa mu Rwego rw'Ubucamanza no kuzishyira mu bikorwa

- Kugira inama umukozi w'Urwego rw'Ubucamanza mu myitwarire no mu mikorere ye iyo bibaye ngombwa
- Gushyiraho imirongo ngenderwaho mu kugaragaza no kuziba ibyuho bya ruswa
- Gutegura ibikorwa by'ubukangurambaga bugamije gukumira no kurwanya ruswa mu nkiko
- Gukurikirana no gutanga amakuru ku gihe ku bikorwa byo kurwanya ruswa
- Gukurikiranira hafi serivisi z'inkiko zikekwamo kugira ibyuho bya ruswa no kubitangira amakuru mu nyandiko
- Gutanga inama ku gushimangira ingamba zo gukumira no kurwanya ruswa.

**Ingingo ya 9: Guterana kw'abagize Komite zishinzwe kurwanya ruswa mu nkiko**

Abagize buri Komite zishinzwe kurwanya ruswa mu nkiko bitoramo Perezida, Visi-Perezida n'Umwanditsi.

Buri Komite ishinzwe kurwanya ruswa iterana mu nama isanzwe rimwe mu gihembwe, igatumizwa kandi ikayoborwa na Perezida wayo cyangwa Visi-Perezida iyo Perezida atabonetse. Ishobora kandi guterana mu nama idasanzwe ikindi gihe cyose bibaye ngobwa, bisabwe na Perezida wa Komite. Muri ibyo bihe byose, inama iterana mu buryo busanzwe cyangwa hakoreshejwe ikoranabuhanga.

Inama ya Komite ishinzwe kurwanya ruswa mu nkiko iterana mu buryo bwemewe iyo hari nibura bibiri bya gatatu (2/3) by'abayigize.

URUKIKO RW'IKIRENGA - SUPREME COURT
REPUBULIKA Y'U RWANDA

**Ingingo ya 10: Raporo zitangwa na Komite zishinzwe kurwanya ruswa mu nkiko**

Buri gihembwe, bitarenze icyumweru gikurikira icy'inama cyangwa igihe cyose ari ngombwa Perezida wa Komite zishinzwe kurwanya ruswa mu nkiko ashyikiriza Perezida wa Biro raporo y'ibikorwa.

**UMUTWE WA V: INGINGO RUSANGE N'IZISOZA**

**Ingingo ya 11: Manda y'abagize inzego za Komite ishinzwe kurwanya ruswa mu Rwego rw'Ubucamanza**

Manda y'abagize Biro na Komite zishinzwe kurwanya ruswa mu nkiko ingana n'igihe cy'imyaka ibiri ishobora kongerwa rimwe gusa. Icyakora, iyo umwe mu bazigize atubahirije neza inshingano ze cyangwa akekwaho imyitwarire iganisha kuri ruswa, yamburwa izo nshingano agahita asimburwa.

**Ingingo ya 12: Itegurwa, isuzumwa n'iyemezwa ry'aya mabwiriza**

Aya mabwiriza yateguwe, asuzumwa kandi yemezwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

**Ingingo ya 13: Igihe amabwiriza atangira gukurikizwa**

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsi ashyiriweho umukono na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza.

Kigali, ku wa ……01 MAR 2022

**Dr. NTEZILYAYO Faustin**
Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na
Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza

URUKIKO RW'IKIRENGA - SUPREME COURT
REPUBULIKA Y'U RWANDA